REPUBLIC OF RWANDA

MINISTRY OF ENVIRONMENT

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°03/2019: **Taliki ya 1–31 Mutarama 2019**

Ryoherejwe kuwa 2 Gashyantare 2019

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Mutarama 2019; cyagaragaje imvura nke mu gice cy'amajyaruguru y'igihugu naho ahandi hasigaye mu gihugu haboneka imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka muri Mutarama mu myaka myinshi ishize
- Amashusho y'icyogajuru akomeza kwerekana ubuhehere buhindagurika cyane (ubutaka buhehereye gake ndetse n'ubuhehereyeburinganiye) kubera hatabayeho urukurikirane rw'iminsi myinshi y'imvura muri uku kwezi kwa Mutarama_2019
- **Ukwezi kwa Gashyantare 2019;** hateganyijwe **ikirere kizitwara nkuko cyitwaye muri Mutarama_2019 aho imvura izaba nyinshi mu majyepfo ashyira i burengerazuba**

I. Iriburiro

Muri Mutarama 2019; igiteranyo cy'imvura yabonetse kuri buri bupimiro cyagaragaje imvura nke mu gice cy'amajyaruguru y'igihugu naho ahandi hasigaye mu gihugu haboneka imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka muri Mutarama mu myaka myinshi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Mutarama_2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Mutarama_2019	Mutarama
Kigali (Kanombe)	93.4	72.1
Rusizi (Kamembe)	182.7	143.8
Rubavu (Gisenyi)	72.4	81.2
Nyamagabe (Gikongoro)	196.4	134.3
Gicumbi (Byumba)	36.4	62.7
Busogo	66.9	79.0
Bugarama	81.7	128.5
Musanze (Ruhengeri)	49.5	69.7
Gitega	100.5	37.7
Rubengera	86.1	63.4
Byimana	95.1	112.0
Kawangire	59.2	71.6
Nyagatare	26.3	29.1

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mutarama_2019; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Mutarama_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Mutarama



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ukuboza_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Mutarama_2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse Mutarama 2019 cyagaragaje imvura nke mu gice cy'amajyaruguru y'igihugu naho ahandi hasigaye mu gihugu haboneka imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka muri Mutarama aho ku bupimiro bwa Rusizi na Nyamagabe ariho habonetse imvura nyinshi mu gihugu ingana na mm182.7 ndetse na mm196.4 kuri buri bupimiro (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu kwezi k'Ukuboza_2018; cyagaragaje imigwire y'imvura dusanzwe tumenyereye mu kwezi kw'Ukuboza uretse ukwiyongera kw'imvura kwagaragaye mu bice byo mu gihugu hagati ndetse n'amajyepfo y'Uburengerazuba bw'u Rwanda (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mutarama 2019 igice cya mbere Ikarita6: Mutarama 2019 igice cya kabiri Ikarita7: Mutarama 2019 igice cya gatatu

Muri Mutarama_2019; amafoto y'icyogajuru akomeza kwerekana ubuhehere buhindagurika cyane (ubutaka buhehereye gake ndetse n'ubuhehereye buringaniye) kubera hatabayeho urukurikirane rw'iminsi myinshi y'imvura muri uku kwezi kwa Mutarama_2019 (reba Ikarita 5, **6&7**; zerekana ibice bitatu byaranze ukwezi kwa Mutarama_2019 uko byagiye bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gashyantare 2019

Muri Gashyantare 2019; hateganyijwe ikirere kizitwara nkuko cyitwaye muri Mutarama_2019 aho imvura izaba nyinshi mu majyepfo ashyira i burengerazuba:

- **Umujyi wa Kigali:** hateganijwe kuboneka imvura nke kugeza ku kigero cya mm30 y'imvura mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba:** hateganijwe kuboneka imvura nke kugeza ku kigero cya mm30 y'imvura mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo:** hateganijwe kuboneka imvura nke kugeza ku kigero cya mm60 y'imvura mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba:** hateganijwe kuboneka imvura nke kugeza ku kigero cya mm60 y'imvura mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru:** hateganijwe kuboneka imvura nke kugeza ku kigero cya mm30 y'imvura mu byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu byumweru bibiri biri imbere:



Ikarita7: Mutarama.2019 kuva taliki ya 01 kugeza 07 Ikarita8: Mutarama.2019 kuva taliki ya 08 kugeza 14

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)